Imyitwarire n'Umuco

Igice 9

Inyigisho y'Ijwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 9

Intego: Gusobanurwa uruhare rw'Umukristo mu gihugu binyuze mu bintu bine Yesu yakoresheje asobanura guhamya k'umwigishwa we. (Matayo 5:11-16)

"Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Nta cyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira." (Matayo 5:13)

Imyumvire myiza niyo yari ishingiro ndetse n'ingenzi cyane mu Kibwiriza cya Yesu cyo ku Musozi. Akoresheje iyi myumvire myiza umunani, yasobanuye kamere n'imyitwarire y'ubumana yahindura isi. Mu gice gikurikiraho, atanga ibisobanura ndetse n'ishyira mu bikorwa by'Ikibwiriza cye.

Nyuma yo gutanga ubusobanuro bwe bw'imyumvire myiza, Yesu aduha ingero ennye zikomeye cyane zisobanura ikiba iyo Abakristo babaye igisubizo cy'Imana mu isi. Abizera bakaba umunyu w'isi, umucyo w'isi, itabaza ku gitereko, n'umurwa ku musozi.

Urugero rwa mbere Yesu yakoresheje yigisha abigishwa be ni uko bari umunyu. Umunyu urinda inyama kubora, kandi

Abakristo bafite imyumvire ya Yesu bameze nk'umunyi mu isi. Iyo Abakristo bafite kamere ya Yesu basizwe ku bantu bo mu isi nk'uko umunyu usigwa ku nyama, ubuzima bwabo burinda isi kwangirika no kubora burundu. Baba ubutunzi bw'agaciro Yesu akoresha guhindura igihugu n'aho batuye.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abantu benshi bavuga ko Imyumvire ari yo nyigisho nyamukuru y'Ikibwiriza cyo ku Musozi maze ibindi bikaba ishyira mu bikorwa.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imyumvire itubwira indangagaciro z'Ubwami bw'Imana.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Intego nyamukuru y'inyigisho ya Yesu kwari uguha ubumenyi bwinshi, ntabwo byari ukwereka abayoboke be uko bagomba kubaho.
4. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ijambo "Umukristo" rikoreshwa kenshi muri Bibiliya.

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabzwa guhitamo igisubizo kimwe gikwiriye ikibazo kibajijwe.

5. Ni gute Yesu yitwaye mu muco runaka?
a. Yahoraga agerageza guhuza nawo
b. Yahoraga yitonda kugira ngo adahuza nawo
c. Yigiraga kure yawo kugira ngo tamugiraho ingaruka.
d. Yagonganaga n'umuco agashaka kuwuhindura

6. Ni uruhe rugero muri izi zose Yesu yakoresheje asobanura abamukurikira? (Hitamo iby'ubona ko ari ukuri byose)
a. Umunyu
b. Umukungugu
c. Amatara
d. Umucyo
e. Umurwa wo ku musozi
f. Igitereko cy'itabaza
g. Ifi

7. Yesu yakoresheje iki kugira ngo ahindure umuco cyangwa abantu?
a. Atanga itegeko rishya
b. Ahindura imitima y'abamwizeye maze akabatuma mu isi
c. Ahindura ubutegetsi bw'ibihugu
d. Aha abantu ubundi bumenyi bwinshi

8. Yesu yaba yaratekerezaga kamaro ki k'umunyi ubwo yatangaga urugero rw'umunyu? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
a. Urinda kubora

b. Ikintu cy'agaciro gisimbura amafaranga
c. Ikintu gikiza ibibyimba
d. Ikintu gikiza inyota
e. Umuti weza cyangwa usukura
f. Umuti ukiza
g. Uryoshya ibyo kurya.

Wakora bintu ki byagushoboza kurushaho kubera 'umunyu" abo mubana n'abandi bantu bose?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko ifite ubushobozi bwo guhindura umutima wawe kandi ishimirwe ko ishaka kukohereza mu isi nk'umwambasaderi wa yo cyangwa nk'intumwa ya yo. Saba Imana igukoreshe guhindura igihugu cyawe n'abantu bakuzengurutse.

Kujya Imuhengeri

1. Iyo umuntu afite imyitwarire nk'iya Kristo, aba afite myitwarire ki?

_____
_____
_____

2. Mbese inyigisho za Gikristo zigomba guhamanya n'umuco cyangwa zigomba kuwuhindura? Gute?

_____
_____
_____

3. Sobanura urugero rw'umucyo Yesu akoresha rwo muri Matayo 5:13. Kuki akoresha "umunyu"?

_____
_____
_____

4. Ni iki kigomba gukoreshwa "umunyu" kugira ngo ube igikoresho kizana impinduka?

_____
_____
_____

5. Ni ngamba ki wafata kugira ngo zigufashe kurushaho kuba "umunyu" mwiza aho utuye?

_____
_____
_____

6. Ni buryo ki Yesu yagennye ko ubwoko Bwe buba "umurwa wubatswe ku musozi"?

_____
_____
_____

7. Ni buryo ki wabera urugero n'umucyo abo muturanye?

_____
_____